

IKINYARWANDA

Itariki : 16/06/2026

Isaha : saa munani-saa kumi
(14h00-16h00)



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA GATATU 2025-2026 URUPAPURO RW'IBIBAZO

IKICIRO:

AMASHURI ABANZA

UMWAKA WA:

KANE

IGIHE KIMARA:

amasaha 2

AMANOTA:

..... / 50

CA-MIS

..... / 50

AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo cumi na bitanu (15). Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose yuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 15)
 - Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 10)
 - Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 15)
 - Igice cya kane: Ihangamwandiko (amanota 10)
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6. Subiriza mu mwanya wagenwe.
7. Koresha ikaramu y'ubururu gusa.

UBUTWARI BWA SHEJA

Sheja n'umuryango we bari batuye mu Mudugudu wa Nyamiyaga. Sheja yari azwiho kugira umutima mwiza, kumvira ababyeyi no kwita ku bantu bose by'umwihariko abakene n'abatishoboye.

Iwabo wa Sheja bari baturanye n'umusaza witwaga Sekazuba. Uyu musaza yari amaze imyaka myinshi atuye muri ako gace kandi nta mwana yagiraga. Sekazuba yari abayeho mu buzima bugoye cyane.

Yiberaga mu kazu gashaje cyane kandi nta bushobozi bwo kukavugurura yari afite. Yari yarigeze kugerageza ubucuruzi no gushaka ubukire nk'abandi baturanyi be ariko amahirwe ntiyamusekeye. Yakundaga kuvuga ati: "Uburiye umubyizi mu kwe nta ko aba atagize."

Umunsi umwe, Sheja yavuye ku ishuri, ageze hafi y'urugo rwa Sekazuba, yumva amajwi y'intabaza. Ateze amatwi neza, yumva ijwi rya Sekazuba rivuga ritabaza cyane. Sheja yiruka yihuta n'umutima wuzuye impuhwe, ajya kureba ikibaye.

Ageze imbere y'ako kazu, asanga kagiye kugwa ndetse inkingi zimwe zahengamye. Sheja yinjira muri ako kazu, asanga umusaza aryamye atabasha kwihagurutsa kuko yari amaze iminsi arwaye. Nuko aca bugufi aramufata, aramukurura, amunyaza hagati ya za nkingi, amusohora vuba, amugeza hanze. Bakimara kugera hanze, ka kazu karahirimye kikubita hasi kose. Sekazuba agira agahinda maze aravuga ati: "Aka kazu kari urwibutso rw'ubuzima bwange none karasenyutse."

Sheja aramwegera maze aramuhumuriza ati: "Ihangane! Ubuzima bwawe buruta aka kazu. Ubwo ukiri muzima birahagije." Umusaza Sekazuba ahita amutegera amaboko aramuhobera aramushimira ati: "Mwana wange, nta cyo nakwitura ariko ineza nk'iyi uzayisanga imbere. Uri intwari mu bantu."

Icyo gikorwa cya Sheja cyamamaye mu gace bari batuyemo. Umuyobozi w'umudugudu amaze kubimenya, ajya gusura Sekazuba asanga koko ka kazu karaguye. Yishimiye cyane igikorwa cya Sheja, avuga ko ari urugero rwiza rw'abana bakiri bato bagaragaza urukundo, ubwitange, ishyamba no gukunda Iguhugu. Yahamagaje inama y'abaturage. Nuko arababwira ati: "Ubutwari si ugufata intwari ngo urwane ku rugamba gusa, ahubwo ubutwari bugaragarira mu bikorwa byo gukunda abandi. Bugaragarira kandi mu kwitangira abatishoboye no gufasha igihugu mu buryo bwose bushoboka." Sheja ntiyigeze ashaka ishimwe ahubwo yakoraga ibyo abona bikwiye. Yakomeje gufasha Sekazuba no kumushyigikira. Igihe cyarageze abaturage bafatanyaga kubakira Sekazuba inzu nziza, banamushyiriramo ibikoresho. Ubu Sekazuba atuye mu nzu nziza y'ikitegererezo.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15)

- 1) Zengurutsa akaziga ku gisubizo cy'ukuri:
(A) Shema n'umuryango we bari batuye he?
(a) Mu Mudugudu wa Nyakayaga

(amanota 3)

(b) Mu Mudugudu wa Nyamiyaga

(c) Mu Kagari ka Nyamiyaga

(B) Sekazuba uvugwa hano yari muntu ki?

(a) Umusaza wari wararwaye agahora asabiriza.

(b) Umusaza wari utuye hafi y'aho Sheja yigaga.

(c) Umusaza wari uturanye n'iwabo wa Sheja.

(C) Ni iki cyatumye Sheja yihutira kujya gufasha Sekazuba?

(a) Ni uko inzu yari igiye kumugwira adafite kirengera.

(b) Ni uko yatekerazaga ko yazamugororera nyuma.

(c) Ni uko yari afitanye isano n'umuryango we.

2) Subiza ukoresheje « **Yego** » cyangwa « **Oya** » **(amanota 3)**

(a) Sheja yagaragaje umutima mwiza no gufasha abandi.

(b) Sheja yifuzaga ishimwe nyuma yo gufasha Sekazuba.

(c) Sekazuba yakomeje kubaho mu buzima bugoye nyuma yo kubakirwa inzu nshya.

3) Uzurisha amagambo dusanga mu mwandiko. **(amanota 3)**

(a) Abana bagiye guha umuturanyi umaze iminsi arwaye.

(b) Yagize kenshi amaze kumva ibyabaye ku mwana we.

(c) Yaramushatse ngo amwiture yari yaragiriwe na se aramubura.

4) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri: **(amanota 3)**

(A) Ni iki cyatumye Sheja adasaba ishimwe nyuma yo gufasha Sekazuba?

(a) Sheja yari afite ubushobozi bwo kwishyura ibikoreshe byo kubakira Sekazuba.

(b) Sheja ntiyashakaga ishimwe kuko yakoraga ibyo abona bikwiye.

(c) Sheja yari afite inshuti nyinshi zo kumufasha kubakira Sekazuba.

(B) Ni gute igikorwa cya Sheja cyagize ingaruka ku muryango wa Sekazuba n'umudugudu muri rusange?

(a) Igikorwa cya Sheja cyatumye Sekazuba abona aho kuba, bityo umudugudu ugira ikibazo cyo kumufasha.

(b) Igikorwa cya Sheja cyatumye Sekazuba abona inzu nshya, bityo umudugudu ugira ishema ryo kumufasha.

(c) Igikorwa cya Sheja cyatumye Sekazuba akomeza kubaho mu buzima bugoye, bityo umudugudu ugira ikibazo cyo kumufasha.

(C) Ni nde wamenye bwa mbere ko ubuzima bwa Sekazuba buri mu kaga?

(a) Shema

(b) Umukuru w'umudugudu

(c) Sheja

5) Andika amagambo ahuje ibisobanuro n'aya dusanga mu mwandiko: **(amanota 3)**

(a) kugasana :

(b) ijwi ritabaza:

(c) ibiti bifata inzu:

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

6) Ugendeye ku nteko z'amazina tanga ingero zikurikira: **(amanota 3)**

(a) Izina ryo mu nteko ya 11 rifata ubwinshi mu nteko ya 10 cyangwa iya 14.

- (b) Izina ryo mu nteko ya 9 rifata ubwinshi mu nteko ya 10 cyangwa mu nteko ya 6.
 (c) Izina ryo mu nteko z'ubwinshi ariko ritajya mu nteko z'ubumwe.
- 7) Erekanako inteko z'amagambo atsindagiye. **(amanota 3)**
 icyo **gikorwa** cya Sheja cyamamaye mu **gace** bari batuyemo. Ku buryo bamaze kumwubakira bamuhaye n'**inka** zizajya zimukamirwa.
- 8) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri ugendeye ku **bwoko** bw'amagambo atsindagiye: **Kamariza** yagiye kuvoma amazi **ku** iriba. **(amanota 2)**
(A) Kamariza :
 (a) Izina rusange
 (b) Izina ry'inyunge
 (c) Izina bwite
(B) Ku :
 (a) Indanganteko
 (b) Indangahantu
 (c) Indangasano
- 9) Tahura ntera ziri mu nteruro zikurikira: **(amanota 2)**
 (a) Ibishyimbo byinshi byeze neza.
 (b) Yamusezereye amara masa.

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 15)

- 10) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri ugendeye kuri icyo shusho igaragaza amasano yo mu muryango: **(amanota 3)**

(A) Musoni apfana iki na Kariza?


- (a) Musoni ni musaza wa Kariza.
 (b) Musoni ni mushiki wa Kariza.
 (c) Musoni ni mubyara wa Kariza.

(B) Karori apfana iki na Marita?

- (a) Karori ni musaza wa Marita.
 (b) Karori ni umugabo wa Marita.
 (c) Karori ni umugore wa Marita.

(C) Bwiza (umukobwa) apfana iki na Kariza?

- (a) Bwiza ni musaza wa Kariza.
 (b) Bwiza ni mukuru wa Kariza.
 (c) Bwiza ni murumuna wa Kariza.



- 11) Uzuza imigenurano ikurikira: **(amanota 4)**
 (a) Abagiye irabasanga.
 (b) Imana ifasha
 (c) iruta vuga numve.
 (d) Akanyoni katagurutse
- 12) Ica ibisakuzo bikurikira: **(amanota 3)**
 (a) Nagutera icyambuka uruzi kitagira amaguru!
 (b) Ngesa bumera!
 (c) Umuyobozi wanjye avuga akuyemo ingofero!

- 13) Hitamo ubwoko bw'inyunguramagambo ku magambo atsindagiye yo mu nteruro zikurikira: (**impuzanyito, impuzashusho n'imbusane**) **(amanota 3)**
- (a) Karisa yagiye ku **isoko** kugura ibishyimbo. Tuvoma ku **isoko** idakama.
- (b) Zana iyo **ntorezo** nge kwishakira udukwi. Iyo **shoka** ntabwo ityaye ku buryo yakwasa igit.
- (c) **Ibibi n'ibyiza** ntibisigana ahubwo birajyana.
- 14) Ni iyihe nama wagira bagenzi bawe bandika ibintu bidasomeka kubera ko bifatanye? **(amanota 2)**

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 10)

- 15) Uri umunyeshuri mu mwaka wa kane. Abanyeshuri bagenzi bawe mwigana baguhisemo ngo utegure ijambo uzageza ku babyeyi ku munsu wo gusozu umwaka mu gihe cyo guhabwa indangamanota. Ugendeye ku biranga ijambo rivugirwa mu ruhame, tegura iryo jambo ku buryo ritajya munsu y'imirongo cumi n'itanu. **(amanota 10)**

.....**IHEREZO**.....